RMB
Rwanda Mines, Petroleum and Gas Board

## ITANGAZO RIGENEWE ABOHEREZA AMABUYE Y'AGACIRO MU MAHANGA

Hashingiwe ku itegeko n° 056/2024 ryo ku wa 26/06/2024 rishyiraho umusoro ku mabuye y'agaciro ryasohotse mu igazeti ya leta kuwa **05 Nyakanga 2024** cyane cyane mu ngigo yaryo ya 9, ikigo gishinzwe Mine, Petrol na Gaz mu Rwanda (RMB) kiramenyesha abantu bose bakora umurimo wo kohereza mu mahanga amabuye y'agaciro ko iryo tegeko ryatangiye kubahirizwa kuva ryatangazwa mu igazeti ya leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ku bw'ibyo bimaze kuvugwa, agaciro k'amabuye yoherezwa mu mahanga kazajya kabarwa mu buryo bukurikira:

- **Kuri gasegereti**: Hazajya habarwa agaciro mbumbe ku isoko mpuzamahanga, hagendewe ku bwiza bw'amabuye y'agaciro, hakuwemo agaciro ko gutunganya amabuye y'agaciro kangana n'amadolari Magana inani kuri toni (800$/Toni).
- **Kuri Coluta**: Hazajya habarwa agaciro mbumbe ku isoko mpuzamahanga, hagendewe ku bwiza bw'amabuye y'agaciro, hakuwemo agaciro ko gutunganya amabuye y'agaciro kangana n'amadolari atatu ku ipawundi (3$/lb.).
- **Kuri Worufuramu**: Hazajya habarwa agaciro mbumbe ku isoko mpuzamahanga, hagendewe ku bwiza bw'amabuye y'agaciro, hakuwemo agaciro ko gutunganya amabuye y'agaciro kangana na cumi na gatanu ku ijana (15%) k'igiciro kiri ku isoko mpuzamahanga.
- **Ku yandi mabuye asigaye,** hazajya hagenderwa ku bwiza bw'amabuye y'agaciro, hakurikizwe ibiciro biri ku isoko mpuzamahanga nta gikuwemo.

**Icyitonderwa**: Ibiciro by'amabuye y'agaciro ku isoko mpuzamahanga hamwe n'agaciro ko gutunganya amabuye y'agaciro uko bizajya bihinduka muzajya mubimenyeshwa.

Ku bindi bisobanuro mwabariza mu biro by'ikigo gishinzwe Mine, Peteroli na Gaze mu Rwanda (RMB) cyangwa mukifashisha email: **info@rmb.gov.rw** na Tel: **+250788386220.**

Bikorewe i Kigaki, kuwa 11 Nyakanga 2024

**KAMANZI Francis**
**CEO/RMB**

RWANDA MINES, PETROLEUM AND GAS BOARD